



**Indorerenzi z'amatora
Z'ubumwe bw'Uburayi
Republika y'u Rwanda 2008**



Kigali, tariki 29 Nyakanga 2008

Umuryango w'Ibihugu by'i Burayi wohereje Itsinda ry'Indorerenzi gukurikirana Amatora mu Rwanda

Mu rwego rw'amatora y'Abadepite azaba kuva tariki 15 kugeza 18 Nzeri 2008, Ishingiyeye k'Ubutumire Bwa leta y'u Rwanda, Komisiyo y'Umuryango w'Ibihugu by'i Burayi yafashe icyemezo cyo kohereza mu Rwanda Itsinda ry'Indorerenzi zo gukurikirana ayo matora. Iri Tsinda ry'Indorerenzi rizaba riyobowe na Michael Cashman, Umudepite w'Umwongereza mu Nteko Nshingamategeko y'u Burayi . Ukuriye iryo tsinda azunganyirwa mu mirimo ye n'indi kipe y'ibanze igizwe n'impuguke 8 mu byerekeye amatora, zageze i Kigali ku itariki ya 19 Nyakanga 2008. Haziyongeraho izindi ndorerenzi 20 zizamara igihe kirekire, zizoherezwa hirya no hino mu gihugu aho zizakurikiranira ibyiciro bitandukanye bya gahunda y'amatora nko: kwiyamamaza, imyiteguro y'amatora, uko amatora azagenda n'igihe kizakurikira amatora. Hazoherezwa kandi Indorerenzi 50 z'amatora zizamara igihe kigufi, iminsi mike mbere y'uko amatora akorwa maze zikurikirane uko amatora akorwa, ibarura ry'amajwi no gutangaza ibizaba byavuye mu matora.

Hasigaye iminsi mike ngo amatora abe, hari izindi ntumwa zihagarariye Inteko Nshingamategeko y'Umuryango w'Ibihugu by'i Burayi zizaza zisanga Itsinda ry'Indorerenzi z'Amatora.

Bashingiye ku makuru bahawe n'Indorerenzi ndetse n'andi makuru y'ingirakamaro, Ukuriye Indorerenzi z'Amatora hamwe n'Ikipe y'ibanze bazakora isesengura rirambuye rya gahunda y'amatora bibanda ku ngingo zikurikira : Ibyerekeye imitwe ya politiki, ibikorwa by'Ubuyobozi bw'Amatora, Ibyerekeye amatora n'amategeko ayagenga, imigendekere y'igikorwa cyo kwiyamamaza ndetse n'isura ibitangamakuru biha igikorwa cy'amatora.

Ibikorwa by'Itsinda ry'Indorerenzi z'Amatora bihujwe n'Itangazo ry'Amahame agenga Indorerenzi z'Amatora ku rwego mpuzamahanga ndetse n'Amategeko agenga imyitwarire y'Indorerenzi z'Amatora ku rwego mpuzamahanga ryemejwe n'Umuryango w'Abibumbye i New York, tariki ya 27 Ukwakira 2005.

Mu masaha atarenze 48 nyuma yo gusoza amatora, Ukuriye Itsinda ry'Indorerenzi z'Amatora azageza ku baturage Itangazo ku migendekere y'amatora. Raporo inoze kandi isesenguye, ikubiyemo, igihe bibaye ngombwa, ibyifuzo bigamije kurushaho kunoza bimwe mu byiciro bigize gahunda y'amatora, izashyirwa ahagaragara hashize nk'ukwezi.



**Indorezezi z'amatora
Z'ubumwe bw'Uburayi
Republika y'u Rwanda 2008**



Abakeneye ibisobanuro birambuye kuri politiki y'Umuryango w'Ibihugu by'i Burayi mu byerekeye uburenganzira bwa Muntu, kwimakaza demokarasi n'ibikorwa by'indorezezi zihagarikira amatora, bafungura ku rubuga rwa Internet rwa Komisiyo y'Umuryango w'Ibihugu by'i Burayi. Bazashakira ibyo bisobanuro aha hakurikira :
http://ec.europa.eu/europeaid/projects/eidhr/index_fr.htm